

IGORORANGINGO NA SIPORO

Umwaka wa kabiri
w'amashuri abanza

IGITABO CY'UMWARIMU

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

ISHAKIRO

Ipaji

Iriburiro	5
Imbata y'isomo	7
Umutwe wa 1: Imyitozo n'imikino iteza imbere umubiri	9
Isomo rya 1: Imyitozo n'imikino yo gushyushya umubiri.....	11
Isomo rya 2: Imyitozo n'imikino yo kunanura no kuruhura umubiri.....	12
Isomo rya 3: Imyitozo n'imikino yo gushira impungenge.....	13
Umutwe wa 2: Imyitozo n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro	15
Isomo rya 1: Imyitozo n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro.....	18
Isomo rya 2: Imyitozo y'ihuzangiro n'injyana.....	19
Isomo rya 3: Imyitozo n'imikino iteza imbere ibyumviro.....	19
Isomo rya 4: Imyitozo yo kumenya ibintu ubyihumuriye cyangwa ubikozeho hapfutse amaso	20
Isomo rya 5: Imikino isaba amabwiriza.....	21
Isomo rya 6: Imyitozo iteza imbere imibanire n'abandi.....	22
Isomo rya 7: Imyitozo iteza imbere imbamutima.....	24
Umutwe wa 3: Imyitozo n'imikino ngororamubiri	26
Isomo rya 1: Imyitozo yo kwiruka hagati ya metero 30 na 40.....	28
Isomo rya 2: Imyitozo yo gusimbuka.....	29
Isomo rya 3: Imyitozo yo gusimbuka urukiramende.....	29
Isomo rya 4: Imyitozo yo gusimbuka umurambararo.....	30
Isomo rya 5: Imyitozo yo kunaga no gusama bagenda.....	31
Umutwe wa 4: Umupira w'amaguru	33
Isomo rya 1: Imyitozo yo gushorera umupira.....	35
Isomo rya 2: Imyitozo yo kunaga umupira ukoresheje amaboko.....	36
Isomo rya 3: Imyitozo yo guhanahana umupira.....	37
Isomo rya 4: Imyitozo yo gutera kure umupira uri hasi.....	38
Isomo rya 5: Imyitozo yo gukina mu makipe agizwe n'abakinnyi 7 kandi batsinda mu izamu.....	39
Isomo rya 6: Imyitozo yo kumenya umwanya bakiniramo.....	40

Umutwe wa 5: Umupira w’amaboko	41
Isomo rya 1: Imyitozo yo gutera umupira aboneza intego igumye hamwe.....	46
Isomo rya 2: Imyitozo yo kudunda umupira w’amaboko baboneza mu gatebo.....	47
Isomo rya 3: Imyitozo yo kunaga no gutera umupira barenza urushundura.....	48
Isomo rya 4: Imyitozo yo kwakira ibyavuye mu mukino w’intoki barenza urushundura.....	49
Isomo rya 5: Imyitozo yo guhererekanya umupira kw’abakinnyi bagenda.....	50
Isomo rya 6: Imyitozo yo kudunda umupira w’amaboko baboneza mu izamu.....	51
Isomo rya 7: Imyitozo yo kudunda umupira w’amaboko baboneza mu gatebo.....	52
Isomo rya 8: Imyitozo yo gutera umupira bahererekanya cyangwa baboneza mu gatebo.....	53
Isomo rya 9: Imyitozo yo kwakira ibyavuye mu mukino w’intoki baboneza mu gatebo.....	54
Isomo rya 10: Imyitozo yo kudunda umupira w’amaboko baboneza mu izamu.....	55
Isomo rya 11: Imyitozo yo kwakira ibyavuye mu mukino w’amaboko baboneza mu izamu.....	56
Isomo rya 12: Imyitozo yo gucenga no kwirukankana umupira.....	57
 Umutwe wa 6: Ubuzima n’imibereho myiza	 59
Isomo rya 1: Imikino yigisha isuku.....	60
Isomo rya 2: Imikino yigisha kwirinda indwara ziterwa n’isuku nke.....	60
Isomo rya 3: Imikino yigisha kwirinda indwara ziterwa n’isuku nke na malariya.....	61

Iriburiro

Iki gitabo k'igororangingo na siporo cyagenewe abarimu bo mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Iyi nyigisho ifite uruhare rukomeye mu kuremarema ubumuntu. Ituma umunyeshuri ahora yishimye, yitinyuka, yigirira ikizere. Iyi nyigisho itoza abanyeshuri gukurana umuco w'ubworoherane, ubufatanye no kwirinda uburiganya. Itoza kandi abanyeshuri kwihangana, kubana neza n'abandi, gukoresha ukuri, kubahiriza igihe, gukurikiza amategeko n'amabwiriza yose umunyeshuri ahabwa n'umwarimu. Ikangurira umunyeshuri kurangwa n'imyitwarire irinda ubuzima bwe n'ubw'abandi.

Inyigisho y'igororangingo na Siporo izafasha kandi kugaragaza abanyeshuri bafite impano zihariye muri uru rwego, kugira ngo bafashwe kuziteza imbere bakiri bato. Ku banyeshuri bafite ubumuga butandukanye, iyi nyigisho izabafasha guteza imbere no kugaragaza ubushobozi bwabo mu birebana n'imyitozo ngororamubiri na Siporo babifashijwe n'abarimu babo.

Iki gitabo kigizwe n'imitwe itandatu:

- Umutwe wa wambere : Imyitozo n'imikino iteza imbere umubiri.
- Umutwe wa kabiri : Imyitozo n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro.
- Umutwe wa gatatu : Imyitozo n'imikino ngororamubiri.
- Umutwe wa kane : Umupira w'amaguru.
- Umutwe wa gatana : Umupira w'amaboko.
- Umutwe wa gatandatu : Ubuzima n'imibereho myiza.

Buri mutwe ugabanyijemo amasomo ku buryo bukurikira:

- Umutwe wa mbere : Amasomo 3.
- Umutwe wa kabiri : Amasomo 7.
- Umutwe wa gatatu : Amasomo 5.
- Umutwe wa kane : Amasomo 6.
- Umutwe wa gatanu : Amasomo 12.
- Umutwe wa gatandatu : Amasomo 3.

Muri buri somo, Mwarimu yita ku banyeshuri b'ibitsina byombi, kandi afasha by'umwihariko abanyeshuri bafite ubumuga kwisanzura, ntibagirwe indorerezi cyangwa abogezwa abandi; ntibahabwe akato, ahubwo bakoroherezwa gukinana n'abandi, hahindurwa imikinire n'imikorere y'imyitozo, ingano y'ahakinirwa, igihe umukino umara, ibikoresho, amabwiriza agenga imyitozo itandukanye. Mwarimu akoresha imvugo y'amarenga kandi agenda asubiramo amabwiriza abafite ubumuga bwo kutumva neza.

Ku birebana n'imyigire n'imyigishirize, abanyeshuri bagomba guhabwa uruhare runini mu myitozo. Mwarimu akwiye guteza imbere ubushobozi bw'abanyeshuri, kubusuzuma no kwita ku ngingo nsanganyamasomo.

Muri buri somo, mwarimu asuzuma ubushobozi abanyeshuri bafite bwo gukora imyitozo ngororangingo baba batoywe bakurikiza ingingo ngenderwaho mu isuzuma, akabunganira mu kunoza ibyo badakora neza.

Zimwe mu ngingo ngenderwaho mu isuzuma ni izi:

- Kureba umunyeshuri ku giti ke wakoreshije ibihe bito kurusha abandi;
- Gushingira ku matsinda, hakarebwa iryarushije ayandi;
- Gushingira ku bushobozi bwa buri munyeshuri bwo gufatanya n'abo bari mu itsinda rimwe;
- Kugendera ku bushobozi bw'abanyeshuri bwo kurangiza neza umwitozo mu gihe cyawo badacikiza;
- Mwarimu ashobora kugena n'izindi ngingo zihuye n'ikigero cy'abanyeshuri ndetse yita no kubafite ingorane.

Inyigisho y'igororangingo na siporo yunganira izindi nyigisho ziteganyijwe ku ngengabihe y'amasomo, bigatuma abanyeshuri biga bishimye kandi ntibananirwe.

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe ku nteganyanyigisho nshya yavuguruwe muri 2015.

IMBATA Y'ISOMO

Igihembwe cya	Itariki	Ikigwa	Ishuri	Umutwe wa	Isomo rya	Igihe	Umubare w'abanyeshuri
mbere	15/02/2017	Igororangingo na siporo	Umwaka wa kabiri	mbere	mbere	Iminota 40	46
Umubare w'abanyeshuri bafite ibibazo byihariye							
Umunyeshuri umwe ufite ukuboko kumwe							
Umutwe	Imyitozo n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro						
Isomo	Imyitozo n'imikino yo gushyushya umubiri.						
Intego ngenamukoro	Umunyeshuri araba ashobora gukora imyitozo inyuranye ishyushya umubiri akoresha ingingo zitandukanye z'umubiri we, agaragaza ko yifitaye ikizere kandi akurikiza amabwiriza agenga imyitozo.						
Aho isomo ritangirwa	Isomo riratangirwa ku kibuga.						
Imfashanyigisho	Ikibuga, ifirimbi, amashusho agaragaraza imikino n'imyitozo itandukanye.						
Ibitabo byifashishijwe	Right to play, 2008, Health Game. Rwanda Education Board, Integanyanyigisho y'igororangingo na siporo, ikicro cya mbere cy'amashuri abanza, Kigali, 2015						
Ibice by'isomo n'igihe	Ibikorwa by'umwarimu n'abanyeshuri						Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo
	Abanyeshuri bakora imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri bakurikije amabwiriza agenga imyitozo.						

Intangiriro Iminota 5

Mbere na mbere Mwarimu ategura imyitozo itegura abanyeshuri b'ibitsina byombi. By'umwihariko, Mwarimu ategura imyitozo ifasha umunyeshuri ufite ukuboko kumwe gukorana n'abandi banyeshuri imyitozo yose bitamubangamiye.



Mwarimu aha abanyeshuri amashusho agaragaza ibice byose by'umubiri w'umuntu.

Mwarimu abaza abanyeshuri ibyo babona ku mashusho.

Mwarimu abwira abanyeshuri ko bagaye gukora imyitozo ngororangingo ariko ishyushya umubiri.

Ikiganiro kibanza

Abanyeshuri bitegereza amashusho.

Abanyeshuri bavuga ibyo babona ku mashusho: Kuri aya mashusho turahabona umuntu hagaragara ibice bimugize. Abanyeshuri barondora ibice bigize umubiri w'umuntu: Umutwe, igihimba, amaboko n'amaguru.



Abanyeshuri bagaragaza akamaro k'imyitozo ngororamubiri (Ni ukugira ngo umubiri umererwe neza).

Kwimakaza umuco w'amahoro igihe bitegereza mashusho badahutazanya.

Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi: Abahungu n'abakobwa baragaragaza uruhare rwabo mu kwitegereza amashusho no kugaragaza akamaro k'imyitozo ngororamubiri.

Isomo rishya iminota 30

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bakora imyitozo yo gushyushya umubiri.

Mwarimu abwira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitozo no kuyashyira mu bikorwa, kandi agafasha umunyeshuri ufite ukuboko kumwe kwisanzura, gushishikariza ufite ukuboko kumwe kugukoresha.

Mwarimu abwira abanyeshuri ko iyo urangije gukora imyitozo yo gushyushya umubiri, uhita ukora imyitozo yo kunanura umubiri; kugira ngo usubize umubiri ku muvuduko usanzwe ukoreraho umuntu atari mu myitozo ngororamubiri.

Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bakora imyitozo inanura umubiri.

Gukora imyitozo yo kwishyushya:

- Abanyeshuri biruka bazenguruka ikibuga bishyushya.




- Abanyeshuri bakora imyitozo yo kunanura no kuruhura ibice byose by'umubiri.



Kwimaka umuco w'amahoro birinda kugongana igihe birukanka bazenguruka ikibuga kandi bakurikiza amabwiriza.

Uburezi budaheza: gushishikariza ufite ukuboko kumwe kugukoresha imyitozo yo kunanura umubiri.

Ubufatanye: abanyeshuri bakorera hamwe imyitozo yateguwe.

		<p>☐ Abanyeshuri bakora imyitozo yo kwinjiza no gusohora umwuka.</p> 	
Ikiganiro gisoza Iminota 5	<p>Mwarimu abaza abanyeshuri uko bumva bamerewe nyuma yo gukora imyitozo ishyushya kandi ikananura umubiri.</p> <p>Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitozo ishyushya n'inanura umubiri mu buzima bwabo bwa buri munsu.</p> <p>Mwarimu abaza abanyeshuri imyitwarire yabafasha gushyushya no kunanura umubiri mu buzima bwabo bwa buri munsu.</p>	<p>Abanyeshuri basubiza uko bumva bamerewe nyuma yo gukora imyitozo ishyushya n'inanura umubiri, nko kumva bishimye, baruhutse, baguwe neza.</p> <p>Abanyeshuri biyemeza kujya bakora imyitozo n'imikino ishyushya n'inanura umubiri mu buzima bwabo bwa buri munsu.</p>	<p>Gusabana mu ndimi: gutanga ibitekerezo ku birebana n'akamaro k'imyitozo mu buzima bwabo bwa buri munsu.</p>
Isuzuma	Mwarimu yitegereza ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitozo yo gushyushya n'iyi kunanura umubiri.		

UMUTWE WA 1: IMYITOZO N'IMIKINO ITEZA IMBERE UMUBIRI

Imbonerahamwe y'ibygwa y'umutwe wa 1

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:			
Umunyeshuri azaba ashobora gushyushya no kunanura umubiri biringaniye, kwirengera no kwigengesera.			
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe			
Amasomo	1. Imyitozo n'imikino yo gushyushya umubiri	2. Imyitozo n'imikino yo kunanura no kuruhura umubiri	3. Imikino yo gushira impungenge no kwigengesera
Intangiriro	Gutega amatwi amabwiriza bahawe n'Mwarimu n'ikiganiro kibanza.	Gutega amatwi amabwiriza bahawe n'Mwarimu n'ikiganiro kibanza.	Gutega amatwi amabwiriza bahawe n'umwarimu n'ikiganiro kibanza.
Ibikorwa byo hanze y'ishuri	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.
Imfashanyigisho	Ikibuga, ifirimbi, amashusho....	Ikibuga, ifirimbi, amashusho....	Ikibuga, ifirimbi, amashusho, ibintu binyuranye byo kwirengera....

<p>Ibikorwa by'umunyeshuri</p>	<p>Imyitoto n'imirikino yo gushyushya umubiri.</p> <p>Gusobanura akamaro ko gukora imyitoto n'imirikino ishyushya umubiri. Gukora imyitoto yo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwishyushya bazenguruka ikibuga. - Kwiruka ku ruziga batava aho bari. - Gusimbuka barambuye amaboko batava aho bari. 	<p>Imyitoto n'imirikino yo kunanura umubiri.</p> <p>Gusobanura akamaro ko gukora imyitoto n'imirikino yo kunanura umubiri.</p> <p>Gukora imyitoto yo:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwinjiza no gusohora umwuka, kunanura amaboko, ijosi n'amaguru. 	<p>Imyitoto n'imirikino yo gushira impungenge no kwigengesera.</p> <p>Imyitoto yo gushyushya umubiri.</p> <p>Gusobanura akamaro ko gukora imyitoto yo gushira impungenge no kwigengesera.</p> <p>Guhagarara ku kaguru kamwe, gusimbuka uhagaze ku kaguru kamwe, kwirengera, kugendera ku giti kimwe.</p> <p>Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe</p>
<p>Uburyo</p>	<p>Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe</p>	<p>Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe</p>	<p>Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe</p>
<p>Ibikorwa biteza imbere ururimi</p>	<p>Abanyeshuri basangira ibitekerezo kandi bunguka amagambo mashya.</p>	<p>Abanyeshuri basangira ibitekerezo kandi bunguka amagambo mashya.</p>	<p>Abanyeshuri basangira ibitekerezo kandi bunguka amagambo mashya.</p>
<p>Ibikorwa biteza imbere kubara</p>	<p>Abanyeshuri bakora imyitoto bahawe bagenda babara inshuro babikoze.</p>	<p>Abanyeshuri bakora imyitoto bahawe bagenda babara inshuro babikoze.</p>	<p>Abanyeshuri bakora imyitoto bahawe bagenda babara inshuro babikoze.</p>
<p>Amagambo mashya akoreshe mu isomo</p>	<p>Amagambo mashya ajyanye n'imirikino.</p>	<p>Amagambo mashya ajyanye n'imirikino.</p>	<p>Amagambo mashya ajyanye n'imirikino.</p>
<p>Isubiramo</p>	<p>Imyitoto inyuranye yo gushyushya umubiri.</p>	<p>Imyitoto yo kunanura no kuruhura umubiri.</p>	<p>Imyitoto yo kwirengera no kwigengesera.</p>
<p>Isuzuma</p>	<p>Gusuzuma ubushobozi bwo gukora imyitoto n'imirikino ishyushya umubiri.</p>	<p>Gusuzuma ubushobozi bwo gukora imyitoto n'imirikino yo kunanura umubiri.</p>	<p>Gusuzuma ubushobozi bwo gukora imyitoto n'imirikino yo gushira impungenge no kwigengesera.</p>
<p>Ihuriro n'izindi nyigisho (Ibindi byigwa)</p>	<p>Gutinyuka, kwigirira ikizere, gutandukanya ibice by'umubiri w'umuntu no gukurikiza amabwiriza.</p> <p>Imibare: kubara.</p> <p>Ubumenyi n'ikorabuhanga riciriritse: kumenya amerekezo.</p> <p>Ibinyabuzima: guhumeka.</p>	<p>Gutinyuka, kwigirira ikizere, gutandukanya ibice by'umubiri w'umuntu no gukurikiza amabwiriza.</p> <p>Imibare: kubara.</p> <p>Ubumenyi n'ikorabuhanga riciriritse: kumenya amerekezo.</p> <p>Ibinyabuzima: guhumeka.</p>	<p>Gutinyuka, kwigirira ikizere, gutandukanya ibice by'umubiri w'umuntu no gukurikiza amabwiriza.</p> <p>Imibare: kubara.</p> <p>Ubumenyi n'ikorabuhanga riciriritse: kumenya amerekezo.</p> <p>Ibinyabuzima: guhumeka.</p>

ISOMO RYA 1: IMYITOZO N'IMIKINO YO GUSHYUSHYA UMUBIRI

Intego: Umunyeshuri araba ashobora gukora imyitoto inyuranye ishyushya umubiri akoresha ingingo zitandukanye z'umubiri we, agaragaza ko yifitiye ikizere kandi akurikiza amabwiriza agenga imyitoto.

Imfashanyigisho: ikibuga, ifirimbi.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu agezura abanyeshuri, akabategura kandi akabajyana aho isomo ribera.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri akamaro ko gukora imyitoto n'imikino ishyushya umubiri, akanababaza ibibazo biganisha ku isomo rishya.



Isomo nyirizina:

- Mwarimu yereka abanyeshuri uko bakora imyitoto n'imikino yo gushyushya umubiri..
- Abanyeshuri bakora imyitoto inyuranye yo gushyushya umubiri (kwishyushya) bakurikije amabwiriza.



- Imyitoto yo kuzenguruka ikibuga bahinduranya umuvuduko, bakurikiza amabwiriza.
- Imyitoto yo kwiruka ku ruziga batava aho bari.
- Imyitoto yo gusimbuka barambuye amaboko batava aho bari.

Igenzura: Mwarimu agezura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto yo gushyushya umubiri no kuyashyira mu bikorwa, bikabafasha gukorera kuri gahunda bahawe.

Isuzuma: Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitoto inyuranye yo gushyushya umubiri yakozwe.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga imyitoto n'imikino inyuranye ishyushya umubiri, akanababaza ibibazo biyerekeyeho.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamereye nyuma yo gukora imyitoto n'imikino inyuranye ishyushya umubiri.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitoto n'imikino ishyushya umubiri mu buzima bwabo bwa buri muni n'uruhare rwabo muri iyo myitoto.

ISOMO RYA 2: IMYITOZO N'IMIKINO YO KUNANURA NO KURUHURA

UMUBIRI

Intego: Gukora imyitoto no gukina imikino inyuranye yo kunanura no kuruhura umubiri, agaragaza ko yifitiye ikizere kandi akurikiza amabwiriza agenga imyitoto.

Imfashanyigisho: ikibuga, ifirimbi, amashusho.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu agenzura abanyeshuri akabategura, akabajyana aho isomo ribera ku kibuga.

Mwarimu aha abanyeshuri imyitoto yo kwishyushya no kunanura umubiri. Mwarimu asobanurira abanyeshuri akamaro ko gukora imyitoto n'imikino yo kunanura no kuruhura umubiri, akanababaza ibibazo biganisha ku isomo rishya.

Isomo nyirizina:

- Mwarimu yereka abanyeshuri uko bakora imyitoto n'imikino yo kunanura no kuruhura umubiri.
- Abanyeshuri bakora imyitoto yo kunanura no kuruhura ibice byose by'umubiri.

IMYITOZO YO KUNANURA NO KURUHURA IBICE BY'UMUBIRI:

- **Imyitoto yo kunanura no kuruhura ibice byose by'umubiri:** Amaboko, Umugongo, Ijosi, Amaguru



- **Imyitoto yo kwinjiza no gusohora umwuka:**

Abanyeshuri bakora imyitoto yo kwinjiza umwuka, hanyuma bakawusohora bagenda babisikanya no kuwinjiza. Bagenda bafata ibihe bitandukanye.



- **Imyitoto yo kunanura amaboko:** Abanyeshuri bakora imyitoto yo kunanura amaboko bayahuriza hujuru, ubundi bakayajyana imbere n'inyuma.



- **Imyitoto yo kunanura umugongo:** Wifata mu mayunguyungu maze ukajya ugorora umugongo uganisha iburyo, ibumoso, imbere n'inyuma, kunama ugakoza umutwe ku mavi, amaguru arambuye neza.

- **Imyitoto yo kunanura ijosi:** Mwarimu yereka abanyeshuri uko bananura ijosi. Baganisha inyuma n'imbere, baganisha iburyo n'ibumoso hanyuma bagakora byose bahindura ikerekezo.

- **Imyitozo yo kunanura amaguru:** Abanyeshuri bakora imyitozo isanzwe yo kunanura amaguru harimo gusimbuka amaguru yegeeranye kandi arambuye, kuyajyana imbere n'inyuma.



Igenzura: Mwarimu agezura ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukurikiza amabwiriza agenga imyitozo yo kunanura no kuruhura umubiri.

Isuzuma: Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitozo inyuranye yo kunanura no kuruhura umubiri.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibice by'umubiri w'umuntu akanababaza ibibazo biganisha ku isomo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitozo n'imikino yo kunanura no kuruhura umubiri.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitozo yo kunanura no kuruhura umubiri mu buzima bwabo bwa buri muni n'uruhare rwabo mu myitozo inanura umubiri.

ISOMO RYA 3: IMYITOZO N'IMIKINO YO GUSHIRA IMPUNGENGE NO KWIGENGESERA


Intego: Gukora imyitozo yo gushira impungenge no kwigengesera akurikiza amabwiriza.

Imfashanyigisho: ikibuga, ifirimbi, igiti, amashusho, n'ikindi gikoresho umunyeshuri yakwigengesera ku mutwe nk'agaseke, igitabo, igikombe, igikapu, akajerekani.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba gukora imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri akamaro ko gukora imyitozo n'imikino yo gushira impungenge no kwigengesera.



Ishusho y'umunyeshuri wirengereye akajerekani



Ishusho igaragaza umuntu wirengereye indobo y'amazi ku mutwe

Isomo nyirizina:

- Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bakora iyi imyitozo n'imikino yo gushira impungenge no kwigengesera.

IMYITOZO IGAMIJE KUMARA IMPUNGENGE

a) **Imyitozo yo guhagarara ku kuguru kumwe:** Umuntu arahagarara akazamura ukuguru kumwe akaguhina byaba ngombwa akagufatisha ukuboko maze ukundi kugahagarara kurambuye neza kandi akayasimburanya akurikije amabwiriza y'umwarimu.



b) **Imyitozo yo gusimbuka uhagaze ku kuguru kumwe:** Abanyeshuri bakora imyitozo yo gusimbuka ku kuguru kumwe bakagenda intera iri hagati ya metero 30 na metero 40.

c) **Imyitozo yo kwirengera:** Abanyeshuri bakora imyitozo itandukanye yo kwirengera ibintu ku mutwe. Bakora nanone imyitozo yo kugenda birengereye.

d) **Imyitozo yo kugendera ku giti kimwe, mu kayira gato cyangwa mu murongo:** Hakorwa imyitozo yo kwambuka ikiraro kigizwe nigiti kimwe cyangwa se. Bashobora no kugenda ku murongo waciwe ku butaka bihuta ibirenge bitawuta.

- Buri munyeshuri agendera hejuru y'urubaho rurambitse cyangwa igiti kirambitse mu kibuga.



- Abanyeshuri babiri babiri basunikana imbangikanwa bakoresheje ibiganza bahagaze ku kuguru kamwe cyangwa basutamyeye.

Igenzura:

- Mwarimu agenzura ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitozo akurikije amabwiriza.
- Abanyeshuri bakora imyitozo yo kunanura no kuruhura umubiri.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitozo inyuranye yo gushira impungenge no kwigengesera.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga imyitozo inyuranye yo kwigengesera no gushira impungenge n'ishyirwa mu bikorwa ryayo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitozo n'imikino yo kwigengesera no gushira impungenge.
- Mwarimu abaza abanyeshuri icyo imyitozo yo kwigengesera no gushira impungenge ibamarira muri rusange.

Isuzuma risoza umutwe:

Mwarimu asuzuma ubushobozi rusange bw'abanyeshuri mu myitozo n'imikino inyuranye iteza imbere umubiri, ituma bashobora gushyushya no kunanura umubiri biringaniye, kwirengera no kwigengesera.

UMUTWE WA 2: IMYITOZO N'IMIKINO ITEZA IMBERE IMIYEGO N'IHUZANGIRO

Imbonerahamwe y'ibygwa y'umutwe wa 2

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora kugendera kuri gahunda, ahindura ikerekezo n'injyana ku murongo uboneye.							
Amasomo	1. Imyitozo n'imikino yo iteza imbere imiyego n'ihuzangiro	2. Imyitozo y'ihuzangiro n'injyana	3. Imyitozo n'imikino iteza imbere ibyumviro	4. Imikino yo kumenya ibintu ubiyumurije cyangwa ubikozeho bapfute amaso	5. Gukina imikino bakurikiza amabwiriza	6. Imyitozo iteza imbere imibanire n'abandi	7. Imyitozo iteza imbere imbamutima
Intangiriro	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.
Ibikorwa byo hanze y'ishuri	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.
Imfashanyigisho	Ikibuga, ifirimbi, utubaho.	Ikibuga, ifirimbi.	Ikibuga, ifirimbi n'udutambaro.	Ikibuga, ifirimbi, udutambaro, amababi y'igiti runaka gihumura, ingwa, ikaramu.	Ikibuga, ifirimbi, n'ibikoreho binyuranye.	Ikibuga, ifirimbi, imipira, n'uduti.	Ikibuga, ifirimbi, imipira.

akoreshwa mu isomo									
Isubiramo	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.
Isuzuma	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo iteza imbere imiyego n'ihuzangiro.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo y'ihuzangiro n'injyana.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo n'imikino iteza imbere ibyumviro.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo yo kumenya ibintu ubyihumuriye cyangwa ubikozeho bapfutse amaso.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo n'imikino iteza imbere ibyumviro.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo n'imikino iteza imbere ibyumviro.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo igamije iterambere mu mibanire myiza n'abandi.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo iteza imbere imbamutima.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo iteza imbere imbamutima.
Izindi nyigisho	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.	Gutinyuka, kwigirira ikizere, gukoresha ukuri no kubana neza n'abandi. Imibare: kubarara.

ISOMO RYA 1: IMYITOZO N'IMIKINO ITEZA IMBERE IMIYEGO N'IHUZANGIRO

Intego: Gukora imyitoto n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro bakurikiza amabwiriza bahawe.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi, uduti.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo kwishyushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitoto no kuyashyira mu bikorwa.

Isomo nyirizina:

- Mwarimu asobanurira abanyeshuri akamaro ko gukora imyitoto n'imikino yo kugendera ku mironko iboneye.
- Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitoto no kuyashyira mu bikorwa.
- Mwarimu yereka abanyeshuri uko bakora iyi myitoto n'imyitoto iteza imbere imiyego n'ihuzangiro.
- Abanyeshuri bakora imyitoto yo guhamya ikintu kigumye hamwe cyangwa kigenda.



Uyu mukino ukinwa abanyeshuri bagenda bisimburanwa kumasha ikintu kiri hamwe cyangwa kigenda. Mu gihe umunyeshuri umwe agiye gufata agapira akoresha bamasha icyo kintu, undi ajya ku rundi ruhande kugira ngo ajye agarura ako agapira mu gihe uwateye agapira atabashije guhamya.

Igenzura: Mwarimu agenzura uko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto n'uko bayashyira mu bikorwa.

Isuzuma: Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitoto n'imikino inyuranye iteza imbere imiyego n'ihuzangiro.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga imwe n'imwe mu mikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro, akanababaza ibibazo byerekeranye na yo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamereye nyuma yo gukora imyitoto n'imikino itandukanye iteza imbere imiyego n'ihuzangiro.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitoto n'imikino iteza imbere imiyego n'ihuzangiro mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 2: IMYITOZO Y'IHUZANGIRO N'INJYANA

Intego: Gukora imyitoto y'ihuzangiro n'injyana bakurikiza amabwiriza.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi, utubaho.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo gushushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitoto n'ihuzangiro n'injyana.

Isomo nyirizina:

- Abanyeshuri bakora imyitoto yo kubisikanya amaboko n'amaguru (moso, ndyo).
- Mwarimu areba ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto n'imikino no kuyashyira mu bikorwa.
- Imyitoto yo gukora imirongo igorotse kandi ibangikanye.
- Abanyeshuri bakora imyitoto yo kuruhura umubiri.
- Gukoma amashyi babara incuro babikoze.
- Gukina mabigibigi.

Uyu mukino ukinwa abanyeshuri bajya ku mirongo. Mwarimu abereka uko bagomba kugenda babisikanya amaboko n'amaguru (moso, ndyo). Ni ukuvuga ko ukuguru kw'ibumoso kujyana n'ukuboko kw'iburyo, ukuguru kw'indyo kukajyana n'ukuboko kw'imoso, bityo bityo.

Igenzura: Mwarimu agenzura uko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto n'uko bayashyira mu bikorwa.

Isuzuma: Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitoto inyuranye y'ihuzangiro n'injyana.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ingero z'imyitoto y'ihuzangiro n'injyana akanayibabazaho ibibazo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamereye nyuma yo gukora imyitoto n'imikino inyuranye y'ihuzangiro n'injyana. Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitoto y'ihuzangiro n'injyana mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 3: IMYITOZO N'IMIKINO ITEZA IMBERE IBYUMVIRO

Intego: Gufasha abanyeshuri gukora imyitoto n'imikino iteza imbere ibyumviro byabo.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi, imipira, n'udutambaro.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba

abanyeshuri gukora imyitoto yo gushushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitoto iteza imbere ibyumviro.

Isomo nyirizina:

- Mwarimu abwira abanyeshuri gukina imyitoto iteza imbere ubwenge.
Urugero: Gufunga mu maso ugatahura ibintu ukoresha icyumviro cyo gukoraho, kwihumuriza, ndetse n'ibindi byumviro. Bituma abanyeshuri barushaho gukoresha neza ibyumviro byabo. Gufunga amaso bakihumuriza nyuma bagatahura ikintu bihumurije icyo ari cyo.
- Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitoto n'imikino no kuyashyira mu bikorwa.
- Abanyeshuri bakora imyitoto iteza imbere ibyumviro bayobowe n'umwarimu.



Igenzura: Mwarimu agenzura uko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto n'uko bayashyira mu bikorwa.

Isuzuma: Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitoto n'imikino inyuranye iteza imbere ubwenge umunyeshuri akoresheje ibyumviro.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga imyitoto imwe n'imwe iteza imbere ibyumviro.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukina imyitoto inyuranye iteza imbere ibyumviro.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitoto iteza imbere ibyumviro mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 4: IMYITOTO YO KUMENYA IBINTU UBYIHUMURIJE, WUMVISHA AMATWI CYANGWA UBIKOZEHO BAPFUTSE AMASO

Intego: Gukora imyitoto yo kumenya ibintu ubyihumurije cyangwa ubikozeho bapfutse amaso.

Imfashanyigisho: Udutambaro, amababi y'igiti runaka gihumura, ingwa, ikaramu n'ikibaho.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo gushushya umubiri.

Mwarimu asobanurira amabwiriza agenga imyitoto yo kumenya ibintu ubyihumuriye cyangwa ubikozeho bapfutse amaso.

Isomo nyirizina:

- Gukina imyitoto bakina bapfutse amaso nk'umukino w'agatambaro. Ufasha abanyeshuri kongera ubushobozi bw'ibyumviro bakoresha amatwi.



- Gukina imyitoto n'imikino yo gushyira ibintu ku rurimi bumva uburyohe bwabyo bapfutse mu maso maze bagatahura ibyo ari byo.
- Umukino wo gutega amatwi no gutahura uvuze bapfutse amaso.

Urugero: Kwihishanwa: abana bahamagara umwana wihishe, bagira gatatu bakajya kumushaka mu gihe atitabye. Uyu mukino bawita **Yakobo**.

Igenzura:

- Mwarimu agenzura uko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto n'uko bayashyira mu bikorwa.

ISUZUMA: Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri gukina imyitoto inyuranye yo kumenya ibintu ubyihumuriye cyangwa ubikozeho bapfutse amaso.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibintu bitandukanye ushobora kumenya ibyo ari byo wabyihumuriye cyangwa wabikozeho utabireba.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitoto inyuranye ijyanye n'iri somo.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitoto yo kumenya ibintu ubyihumuriye cyangwa ubikozeho bapfutse amaso mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 5: IMYITOTO BAKINA BAKURIKIZA AMABWIRIZA

Intego: Gukora imyitoto yigisha gutabarana, gufashanya no kunganirana

Imfashanyigisho: ikibuga, ifirimbi n'ibikoresho binyuranye.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo gushushya umubiri.

Mwarimu asobanura abanyeshuri amategeko n'amabwiriza agenga umukino bakina bakurikiza amabwiriza.

Isomo nyirizina: Mwarimu asobanurira amabwiriza agenga imyitoto yigisha abanyeshuri

kubana neza n'abandi. Abanyeshuri bakora imyitoto yo gukurikiza amabwiriza bahawe bayobowe n'umwarimu.

Ingero z'imyitoto:

Imyitoto yigisha gutabarana

Ibisobanuro: Abanyeshuri bakina umukino wo guhana ubute no gutabara umuntu wahuye n'ibibazo.

Uyu mukino ukinwa umunyeshuri umwe aryama hasi nk'uwagize ikibazo gikomeye hanyuma abandi bakagaragara bamutabara



Imyitoto yigisha gufashanya no kunganirana

Ibisobanuro: Abanyeshuri bakinira mu makipe y'umupira w'amaguru bayobowe n'umwarimu: imyitoto yigisha gufashanya no kunganirana. Uyu mukino ukinwa hagaragara umunyeshuri wagize ikibazo noneho umwe mu bagiye kumutabara agahamagara bagenzi be ngo baze bamufashe. Mwarimu aba yabahaye amabwiriza bagenderaho kugira ngo umukino uryohe.



Igenzura: Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto no kuyashyira mu bikorwa. Abanyeshuri bakora imyitoto yo kuruhura umubiri.

Isuzuma:

- Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukina imyitoto inyuranye isaba gukurikiza neza amabwiriza bahawe.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitoto n'imikino iteza imbere ubwenge.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko batabara, bafasha cyangwa bakunganira umuntu wagiriye ikibazo mu mikino.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitoto n'imikino yo gutabarana, gufashanya no kunganirana.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'iyi myitoto yo gutabarana, gufashanya no kunganirana mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 6: IMYITOTO ITEZA IMBERE IMIBANIRE N'ABANDI

Intego: Gukora imyitoto iteza imbere imibanire n'abandi.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi, imipira, n'uduti.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: : Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitotozo yo gushyushya umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitotozo iteza imbere imibanire n’abandi.

Isomo nyirizina:

- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kwishyushya no kuruhura umubiri.
- Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitotozo n’imikino iteza imbere imibanire n’abandi.
- Mwarimu yereka abanyeshuri uko bakora imyitotozo n’imikino iteza imbere mu mibanire n’abandi.
- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kurushanwa hagamijwe kwirinda gushyamirana.

Urugero: Umukino w’agati. Uyu mukino ukinwa abanyeshuri bakora imirongo ibiri iteganye kandi bahanye intera iri hagati ya metero 15 na metero 20. Agati kaba ari kamwe bakagaha umunyeshuri umwe uri ku mpera y’umurongo umwe.

Mwarimu avuza ifirimbi umunyeshuri umwe udafite agati uri ku mpera imwe y’umurongo akiruka maze wawundi ufite agati akamukurikira. Abadafite agati bagenda basimburanwa kwirukanka n’abafite agati bakagenda basimburanwa kubakurikira bahererekanya ka gati.

Iyo babakojejeho ako gati ubwo baba batsinzwe, nuko bagasimburanwa wa murongo wari ufite agati ukagahereza undi, bityo bityo kugeza igihe mwarimu ahagarikiye umukino.

Abirukanka banyura inyuma y’imirongo, iyo hagize uca imbere baba batsinzwe.

Igenzura:

- Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitotozo n’uko bayashyira mu bikorwa, uko bakorera hamwe mu matsinda, uko bubaha bagenzi babo n’ibitekerezo byabo.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitotozo inyuranye iteza imbere imibanire ye n’abandi.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga imyitotozo n’imikino iteza imbere imibanire n’abandi.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitotozo n’imikino iteza imbere imibanire n’abandi.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k’imyitotozo n’imikino iteza imbere imibanire n’abandi mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 7: IMYITOZO ITEZA IMBERE IMBAMUTIMA

Intego: Gukina imyitotoz iteza imbere imbamutima.

Imfashanyigisho: ikibuga, ifirimbi, imipira.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitotoz yo kwishushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitotoz.

Isomo nyirizina:

- Mwarimu yereka abanyeshuri uko bakora imyitotoz iteza imbere imbamutima.
- Abanyeshuri bakora imyitotoz yo kurushanwa hagamijwe kwemera kwakira neza ibivuye muri ayo marushanwa. Abatsinzwe ntibatera amahane, ahubwo bagira ishyaka ryo kongera umwete ngo na bo baharanire gutsinda.

Urugero: Umupira w'amaguru.



Uyu mukino ukinwa abanyeshuri bakora amakipe abiri y'abakinnyi bangana. Buri kipi ikitoramo umuzamu, abarinda izamu, abakinnyi bo hagati ndetse n'abataha izamu. Umupira utangizwa bawutereka hagati mu kibuga, ikipi imwe ikabanza gutanga umupira.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri ko bagomba gukina neza, kugira ngo hatagira uvunika cyangwa uvuna undi.

Igenzura: Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitotoz no kuyashyira mu bikorwa n'uko bakira ibyavuye mu marushanwa.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitotoz inyuranye iteza imbere imbamutima.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bakira ibyavuye mu mikino, iyo batsinze cyangwa iyo batsinzwe.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamereye nyuma yo gukora imyitotoz iteza imbere imbamutima.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitotoz iteza imbere imbamutima mu buzima bwabo bwa buri muni.

Isuzuma risoza umutwe: Mwarimu asuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri mu myitozo n'imikino inyuranye iteza imbere imiyego n'ihuzangiro: kugendera kuri gahunda ahindura ikerekezo n'injyana ku murongo uboneye.

UMUTWE WA 3: IMYITOZO N'IMIKINO NGORORAMUBIRI

Imbonerahamwe y'ibygwa y'umutwe wa 3

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: Umunyeshuri azaba ashobora gukora imyitozo inyuranye yo kwiruka, gusimbuka no kunaga.				
Amasomo	1. Imyitozo yo kwiruka hagati ya metero 30 na 40	2. Imyitozo yo gusimbuka urukiramende	3. Gusimbuka umurambararo	4. Imyitozo yo kunaga no gusama bagenda
Intangiriro	Kwishyushya no kunanura umubiri.	Kwishyushya no kunanura umubiri.	Kwishyushya no kunanura umubiri.	Kwishyushya no kunanura umubiri.
Ibikorwa byo hanze y'ishuri	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.
Imfashanyigisho	Ikibuga, ifirimbi, imigozi, metero bushumi.	Ikibuga, ifirimbi uduti.	Ikibuga, ifirimbi na metero bushumi.	Ikibuga, ifirimbi, imipira, udutenezi.
Ibikorwa by'umunyeshuri	Kwiruka aho bari. Kwiruka akurikije ibimenyetso intera iri hagati ya m 30 na 40.	Imyitozo yo gusimbuka urukiramende. Gusimbuka urukiramende.	Imyitozo yo gusimbuka umurambararo. Gusimbuka umurambararo.	Imyitozo yo kunaga Imyitozo yo gufata umupira mbere yo kuwunaga. Imyitozo yo kunaga umupira ugenda wihirika bakoresheje amaboko. Umutwitozo wo kunaga no gusama bagenda.
Uburyo	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.
Ibikorwa bijyananye n'ururimi	Gusangira ibitekerezo no kunguka amagambo mashya akoreshewa mu myitozo.	Gusangira ibitekerezo no kunguka amagambo mashya.	Gusangira ibitekerezo no kunguka amagambo mashya.	Gusangira ibitekerezo no kunguka amagambo mashya.
Ibikorwa bijyananye n'imibare	Kwiruka hagati ya m 30 na 40.	Kubara umubare w'abasimbutse urukiramende.	Gupima intera basimbutse.	Kubara abagize ikipe.

Amagambo mashya akoresha mu isomo	Amagambo mashya ajoyanywe n'imyitozo.	Amagambo mashya ajoyanywe n'imyitozo.	Amagambo mashya ajoyanywe n'imyitozo.	Amagambo mashya ajoyanywe n'imyitozo.
Isubiramo	Imyitozo yo kwishyushya no kumanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kumanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kumanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kumanura umubiri.
Isuzuma	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo yo kwiruka aho bari, kwiruka ukurikije ibimenyetso intera iri hagazi ya m 30 na 40. Kwiruka k'umuvuduko.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora imyitozo yo gusimbuka urukiramende.	Kwitegereza ubushobozi bwo gusimbuka umurambararo.	Kwitegereza ubushobozi bwo gukora Imyitozo yo kunaga, gufata umupira mbere yo kuwunaga, kunaga umupira, ugenda wihirika bakoresheje amaboko no kunaga no gusama bagenda.
Izindi nyigisho	Imyitwarire n'imyifatire birinda ubuzima. Gukurikiza amabwiriza. Kwigirira ikizere no gutinyuka.	Imyitwarire n'imyifatire birinda ubuzima. Gukurikiza amabwiriza. Kwigirira ikizere no gutinyuka.	Imyitwarire n'imyifatire birinda ubuzima. Gukurikiza amabwiriza. Kwigirira ikizere no gutinyuka.	Imyitwarire n'imyifatire birinda ubuzima. Gukurikiza amabwiriza. Kwigirira ikizere no gutinyuka.

ISOMO RYA 1: IMYITOZO YO KWIRUKA HAGATI YA METERO 30 NA 40

Intego: Kwiruka hagati ya metero 30 na metero 40.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi na metero bushumi.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza:

- Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga.
- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.
- Mwarimu abwira abanyeshuri amabwiriza y'imyitotozo n'imikino no kuyashyira mu bikorwa.



Isomo nyirizina:

- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kwiruka aho bari.
- Mwarimu abwira abanyeshuri amabwiriza y'imyitotozo n'imikino yo kwiruka no kuyashyira mu bikorwa.
- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kwiruka bakurikije ibimenyetso ku ntera iri hagati ya metero 30 na metero 40.



- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kwiruka umuvuduko ku ntera iri hagati ya metero 30 na metero 40.

Igenzura:

- Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza y'imyitotozo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitotozo iruhura n'inanura umubiri.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitotozo inyuranye yo kwiruka ku metero zibarirwa hagati ya 30 na 40.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uburebure bw'aho birutse akanababaza ibibazo byerekeranye n'imyitotozo yo kwiruka bakoze.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitotozo n'imikino yo kwiruka hagati ya metero 30 na metero 40.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'imyitotozo n'imikino yo kwiruka mu buzima bwabo busanzwe.

ISOMO RYA 2: IMYITOZO YO GUSIMBUKA

Intego: Gukora imyitotozo yo gusimbuka.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi, imigozi, ibiti.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza:

- Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga.
- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.

Mwarimu abwira abanyeshuri amabwiriza yo gusimbuka no kuyashyira mu bikorwa.

Isomo nyirizina:

- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo gusimbuka ku ntera nto cyane bakurikije amabwiriza bahawe n'umwarimu.
- Abanyeshuri basimbuka ku ntera yisumbuyeho gato.
- Abanyeshuri bakora imyitotozo yo gusimbuka urukiramende ku ntera nini ariko itarengeje ikigero n'ubushobozi bwabo.



Igenzura:

- Mwarimu agenzura niba abanyeshuri bakora neza imyitotozo yo gusimbuka urukiramende, bakurikiza amabwiriza bahawe.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitotozo inyuranye yo gusimbuka.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bitondera igihe bakora IMYITOZO N'IMIKINO yo gusimbuka.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitotozo n'imikino yo gusimbuka.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'IMYITOZO N'IMIKINO yo gusimbuka mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 3: IMYITOZO YO GUSIMBUKA URUKIRAMENDE

Intego: Gusimbuka urukiramende ruringaniye atarukozeho.

Imfashanyigisho: Ikibuga, uduti bashinga, umugozi.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba

abanyeshuri gukora imyitoto yo kwishyushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga gusimbuka urukiramende.

Isomo nyir'izina:

- Mwarimu yerekerera abanyeshuri uko basimbuka urukiramende.
- Abanyeshuri basimbuka urukiramende, bakagenda basimburana umwe umwe.
- Mwarimu agenda yongeraho gato ku burebure bw'urukiramende, abanyeshuri bagakomeza gukora imyitoto yo kwipima basimbuka uko babishoboye.



Igenzura:

- Mwarimu agenzura uko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitoto yo gusimbuka urukiramende n'uko bayashyira mu bikorwa.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitoto inyuranye yo gusimbuka urukiramende.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bitondera igihe bakora IMYITOZO N'IMIKINO yo gusimbuka urukiramende.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamereye nyuma yo gukora imyitoto n'imikino yo gusimbuka urukiramende.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'IMYITOZO N'IMIKINO yo gusimbuka urukiramende mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 4: GUSIMBUKA UMURAMBARARO

Intego : Gusimbuka umurambararo.

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi na metero bushumi.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitoto yo gushushya no kunanura umubiri.

Mwarimu asobanurira abanyeshuri amabwiriza agenga imyitoto yo gusimbuka umurambararo

Isomo nyir'izina:

- Mwarimu yerekerera abanyeshuri uko basimbuka umurambararo.
- Abanyeshuri bakora imyitoto yo gusimbuka umurambararo.



- Abanyeshuri bagenda bapima uburebure bw'aho buri munyeshuri asimbutse bakoresheje metero bushumi kandi bafashijwe n'umwarimu.



Igenzura:

- Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo inanura/iruhura umubiri.

Isuzuma:

Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitozo inyuranye yo gusimbuka umurambararo.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bitondera igihe bakora IMYITOZO N'IMIKINO yo gusimbuka umurambararo.
- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga uko bamerewe nyuma yo gukora imyitozo n'imikino yo gusimbuka umurambararo.
- Mwarimu abaza abanyeshuri akamaro k'IMYITOZO N'IMIKINO yo gusimbuka umurambararo mu buzima bwabo bwa buri muni.

ISOMO RYA 5: IMYITOZO YO KUNAGA NO GUSAMA UMUPIRA BAGENDA

Intego: Gukora imyitozo yo kunaga no gusama bagenda

Imfashanyigisho: Ikibuga, ifirimbi, imipira, udutenesi.

Intangiriro

Ikiganiro kibanza: Mwarimu ategura abanyeshuri bakajya mu kibuga. Abanyeshuri bakora imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.

Mwarimu abwira abanyeshuri amabwiriza yo gusama no kuyashyira mu bikorwa.

Isomo nyirizina:

- Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bafata umupira mbere yo kuwunaga.
- Mwarimu yerekera abanyeshuri uko bakora imyitozo yo kunaga.
- Abanyeshuri banaga bohereza umupira ugenda mu kirere bakoresheje amaboko.

Abanyeshuri basama udupira bagenda bimuka aho bari bahagaze.



Abanyeshuri bakomeza gukora imyitozo yo kunaga no gusama bagenda (umuyego).



Igenzura:

- Mwarimu agenzura ko abanyeshuri bakurikiza amabwiriza agenga imyitozo yo kunaga.
- Mwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo inanura n'iruhura umubiri.

Isuzuma:

- Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora imyitozo inyuranye yo kunaga no gusama bagenda.

Ikiganiro gisoza:

- Mwarimu asaba abanyeshuri kuvuga imyitozo inyuranye yo kunaga no gusama bagenda.
- Abanyeshuri babwira mwarimu uko bumva bamerewe nyuma y'IMYITOZO N'IMIKINO yo kunaga no gusama bagenda.
- Mwarimu abaza abanyeshuri umumaro w'IMYITOZO N'IMIKINO yo kunaga no gusama bagenda mu buzima bwabo bwa buri muni.

Isuzuma risoza umutwe:

- Mwarimu asuzuma ubushobozi bwa buri munyeshuri bwo gukora IMYITOZO N'IMIKINO ngororamubiri yo kwiruka, gusimbuka no kunaga.

UMUTWE WA 4: UMUPIRA W'AMAGURU

Imbonerahamwe y'ibyigwa y'umutwe wa 4

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:						
Umunyeshuri azaba ashobora gukora imyitozo iteza imbere ubumenyigiro mu mupira w'amaguru no gukinira mu makipe akurikiza amategeko yoroheje.						
	1. Imyitozo gushorera umupira	2. Imyitozo yo kunaga umupira ukoresheje amaboko yombi	3. Imyitozo yo guhanahana umupira	4. Imyitozo yo gutera kure umupira uri hasi	5. Imyitozo gukina mu makipe agizwe n'abakinnyi barindwi kandi batsinda mu izamu	6. Imyitozo yo kumenya umwanya bakiniramo
Intangiriro	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.	Imyitozo yo kwishyushya no kunanura umubiri.
Ibikorwa byo hanze y'ishuri	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.	Gukora umwe, umwe no mu makipe.
Imfashanyi gisho	Ikibuga, ifirimbi, ikibaho, ibiti by'amazamu n'umupira.	Ikibuga, ifirimbi, ikibaho, ibiti by'amazamu n'umupira.	Ikibuga, ifirimbi, ikibaho, ibiti by'amazamu n'umupira.	Ikibuga, ifirimbi, ikibaho, ibiti by'amazamu n'umupira.	Ikibuga, ifirimbi, ikibaho, ibiti by'amazamu n'umupira.	Ikibuga, ifirimbi, ikibaho, ibiti by'amazamu n'umupira.
Ibikorwa by'umunye-shuri	Gushorera umupira ugamije gutera mu izamu ukoresheje ikirenge.	Kunaga umupira n'amaboko yombi.	Guhanahana umupira.	Gukora umwitozo gutera umupira kure, uri hasi kandi uboneza mu izamu.	Gukora amakipe y'abakinnyi 7 Gukina mu ikipi y'abakinnyi 7.	Gukora umwitozo wo gukinira mu mwanya wa buri wese.
Uburyo	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.	Kwitegereza, kumva no gukorera mu makipe.
Ibikorwa bijyaneye n'ururimi	Ibikorwa byo mu makipe.	Ibikorwa byo mu makipe.	Ibikorwa byo mu makipe.	Ibikorwa byo mu makipe.	Ibikorwa byo mu makipe.	Ibikorwa byo mu makipe.

Ibikorwa bijyanze n'imbare	Abanyeshuri bazenguruka ikibuga incuro runaka, ubundi bagahindura ikerekezo.	Abanyeshuri baruhura umubiri babara incuro z'ibikorwa bakora mu myitozo (kurambura amaboko, amaguru...)	Abanyeshuri bahanahana umupira.	Kubara ibitego batsinze igihe bateye mu izamu.	Gukinira mu ikipe y'abakinnyi 7.	Kumanya umwanya bakiniramo.
Amaga-mbo mashya akoresha mu isomo	Amagambo mashya akoresha mu isomo.	Amagambo mashya akoresha mu isomo.	Amagambo mashya akoresha mu isomo.	Amagambo mashya akoresha mu isomo.	Amagambo mashya akoresha mu isomo.	Amagambo mashya akoresha mu isomo.
Isubiramo	Imyitozo yo kwishyushya.	Imyitozo yo kwishyushya.	Imyitozo yo kwishyushya.	Imyitozo yo kwishyushya.	Imyitozo yo kwishyushya.	Imyitozo yo kwishyushya.
